
# ABADAHIGWA BADAHUSHA INTEGO







## IKINYAMAKURU CY'AKARERE KA RULINDO

***IKINYAMAKURU CY'AKARERE KA RULINDO GISOHOKA BURI KWEZI KIBANDA KU MAKURU ATANDUKANYE Y'IBYAKOZWE MU MIYOBORERE MYIZA, UBUKUNGU N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE***

*1357* *@rulindodistrict* *info@rulindo.gov.rw*

INKURU Z'INGENZI Z'IBYAKOZWE MU KWEZI KWA 10/ 2025

# UKWAKIRA, 2025

**RULINDO: HATANGIJWE UKWEZI KWAHARIWE KUZIRIKANA UBUMWE N'UBUDAHERANWA BW'ABANYARWANDA N'UKWEZI K'UBUKORERABUSHAKE**



**RULINDO: GUVERINERI W'INTARA Y'AMAJYARUGURU MUGABOWAGAHUNDE MAURICE YASOBANURIYE ABAGEZE MUZABUKURU IBYIZA BYO KWIZIGAMIRA MURI EJO HEZA**



**UBUYOBOZI BW'AKARERE BWAGANIRIYE N'ABAHAVUKA BATUYE AHANDI HAMWE N'ABAFATANYABIKORWA B'AKARERE KU ITERAMBERE RY'AKARERE KA RULINDO**



**RULINDO: HIZIHIJWE UMUNSI MPUZAMAHANGA W'UMUGORE WO MU CYARO HAREMERWA ABATISHOBOYE**



**RULINDO: INGO IBIHUMBI 27 ZABONYE AMAZI MEZA**



**RULINDO: BANKI NKURU Y'IGIHUGU YAHUGUYE ABAGORE 16,751 GUKORESHA TELEPHONE MURI SERIVISI Z'IMARI.**



## RULINDO HATANGIJWE UKWEZI KWAHARIWE KUZIRIKANA UBUMWE N'UBUDAHERANWA BW'ABANYARWANDA N'UKWEZI K'UBUKORERABUSHAKE



***MUKANYIRIGIRA Judith UMUYOBOZI W'AKARERE***

Tariki ya 01/10/2025, mu MIrenge yose igize Akarere ka Rulindo hatangijwe ukwezi kwahariwe kuzirikana ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda ndetse n'ukwezi k'ubukorerabushake ku nsanganyamatsiko igira iti: **"TWIMAKAZE UBUMWE N'UBUDAHERANWA"** ku rwego rw'Akarere byatangirijwe mu murengewa Kinihira.

Atangiza iyi gahunda Umuyobozi w'Akarere, Madamu MUKANYIRIGIRA Judith, yasobanuriye abaturage impamvu yo gushyiraho ukwezi kwahariwe kuzirikana ku bikorwa by'ubumwe n'ubudaheranwa by'abanyarwanda, agaragaza ko nyuma yuko Leta yUbumwe bw'abanyarwanda ishyizeho gahunda zitandukanye zishimangira ubumwe n'ubwiyunge ariko hakaba hakigaragara ibibangamiye iyi gahunda ,twese nk'abanyarwanda dukwiye gufatanya kugirango dukureho izo nzitizi zibangamiye indangagaciro yo KUBA UMWE nk'imwe mu mahitamo y'Abanyarwanda.



Umuyobozi w'Akarere yakomeje asaba abitabiriye iyi gahunda gukomeza gufatanya gukora ubukangurambaga bugamije kubanisha neza abaturage,bakumva neza bumva neza ihame ryo kuba turi umwe, bashobora kuvuguruza ibihuha bikwirakwizwa n'abadakunda u Rwanda bigamije gusenya ubumwe bwacu.

Ubwo hatangizwaga ukwezi kwahariwe Ubumwe n'Ubudaheranwa  hatanzwe ubutumwa bukubiye mu kiganiro cyateguriwe uku kwezi ndetse habaho no kungurana ibitekerezo hagamijwe kwisuzuma no kureba ibyagezweho mu bumwe n'ubudaheranwa, n'inzitizi zikibangamiye ubumwe n'ubudaheranwa mu Karere  ka Rulindo ndetse n'uruhare rwa buri wese mu gukuraho izi nzitizi.



Gutangiza ku mugaragaro ukwezi kwahariwe ubukorerabushake mu rubyiruko, umuyobozi w'Akarere yavuze ko urubyiruko narwo ruhamagariwe kujyanisha ibikorwa byarwo no kwita ku ihame ryo kwimakaza ubumwe n'ubudaheranwa.



Umuyobozi w'Akarere kandi yasabye urubyiruko n'abandi bose bari bitabiriye iki gikorwa kwirinda ingengabitekerezo ya jenoside,  ivangura n'amacakubiri, ndetse n'imvugo zihembera urwango n'ibindi byose bibangamiye ubumwe bw'abanyarwanda.



Ukwezi kwahariwe Ubumwe n'Ubudaheranwa kwahujwe  n'ibikorwa by'ubukorerabushake by'urubyiruko aho bifite intero igira, iti "Kwegera abaturage twabigize intego".

## GUVERINERI W'INTARA Y'AMAJYARUGURU MUGABOWAGAHUNDE MAURICE YASOBANURIYE ABAGEZE MUZABUKURU IBYIZA BYO KWIZIGAMIRA MURI EJO HEZA.



***MUGABOWAGAHUNDE Maurice GUVERINERI W'INTARA Y'AMAJYARUGURU***

Ibi Guverineri yabigarutseho tariki ya 7 /10/2025 mu birori byo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'Abageze muzabukuru wizihirijwe mu murenge wa Murambi warufite Insanganyamatsiko igira iti:**Twite ku bageze mu zabukuru dutegura ahazaza heza h'abakiri bato ni inkingi mu iterambere rirambye**.

Atangiza ibi birori umuyobozi w'Akarere Madamu MUKANYIRIGIRA Judith yasobanuye impamvu hatoranyijwe iyi nsanganyamatsiko avuga ko abageze mu zabukuru ari inkingi ya mwamba mu kubaka iterambere rirambye rifite icyerekezo kizima Ati:"Yatoranyijwe hagamijwe gukangurira umuryango nyarwanda guteganyiriza ejo hazaza kubaha no guha agaciro abageze mu zabukuru, bagira uruhare rukomeye mu gutoza abakiri bato, kugira urukundo rw'igihugu no kunoza ibyo bakora nk' imwe mu nzira zo gutegura amasaziro meza yabo mu muryango ubanogeye."




***MUKANYIRIGIRA Judith Umuyobozi w'Akarere***

Abageze muzabukuru bo mu karere ka Rulindo bashimira Leta y'URwanda kuri gahunda zitandukanye zashyizweho zigamije kuzamura imibereho myiza yabo,zimwe muri izi gahunda bavuga zirimo inkunga y'ingoboka ihabwa abageze muzabukuru ndetse no kuba abahabwa pansion yarongerewe.



***Bamwe mu bageze muzabukuru bo mu Murenge wa Murambi***

Mbere yo kwitabira ibirori byo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'Abageze muzabukuru, Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru n'abandi bayobozi babanje gusura umukecuru witwa Kabera Martha utuye muri uyu murenge ukora ubuhinzi bwa Macadamia abasobanurira uburyo ubu buhinzi bumufasha kwizigamira muri Ejo Heza .



***Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru MUGABOWAGAHUNDE Maurice n'abandi bayobozi basuye Umukecuru KABERA Martha uhinga Macadamia mu Murenge wa Murambi***

Mu ijambo rye Guverineri w'Intara y'amajyaruguru MUGABOWAGAHUNDE Maurice yashimiye KABERA Martha n'abageze mu zabukuru muri rusange ku ruhare bagira mu iterambere ry'Igihugu anabashimira uburyo bitabiriye ibi birori abasobanurira ibyiza byo kwizigamira muri Ejo Heza abasaba gukomeza kugira uruhare mu iterambera ry'Igihugu no kwigisha abakiri bato gukora ibikorwa bibateza imbere no kwiteganyiriza muri Ejo Heza.

## UBUYOBOZI BW'AKARERE BWAGANIRIYE N'ABAHAVUKA BATUYE AHANDI HAMWE N'ABAFATANYABIKORWA B'AKARERE KU ITERAMBERE RY'AKARERE KA RULINDO



*KOMITE NYOBOZI Y'AKARERE KA RULINDO*

Tariki ya 5 Ukwakira 2025 ubuyobozi bw'Akarere ka Rulindo bwagiranye Inama nyunguranabitekerezo y'abavuka mu karere ka Rulindo n'abafatanyabikorwa b'Akarere, yarigamije Kurebera hamwe icyateza imbere Akarere ka Rulindo no gufatanya gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'Abaturage.

Atangiza iyi nama Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo Madamu MUKANYIRIGIRA Judith yasobanuriye abayitabiriye impamvu yayo abagaragariza icyerekezo cy'igihugu 2050 ndetse n'uruhare rwa buri wese mu kugera kuri iki cyerekezo.

Muri iyi nama abayitabiriye bagaragarijwe ishusho y'Akarere ndetse n'amahirwe ahari y'ishoramari banasobanurirwa imikoreshereze y'igishushanyo mbonera cy'ubutaka mu karere ka Rulindo banasobanurirwa uruhare rwabo mu iterambere ry'Akarere bakomokamo.



*ABAVUKA MU KARERE KA RULINDO N'ABAKOZI B'AKARERE BARI BITABIRIYE INAMA*

Nyuma yo kungurana ibitekerezo abitabiriye inama biyemeje kugira uruhare mu iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage bakusanya inkunga ingana na miliyoni zisaga 50 z'amafaranga y'URwanda azifashishwa mu gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'Abaturage.



*ABIKORERA BATANDUKANYE BO MU KARERE KA RULINDO N'ABAFATANYABIKORWA B'AKARERE NABO BARI BITABIRIYE IYI NAMA*

Abitabiriye iyi nama bashimye iyi gahunda y'Akarere yo kubahuriza hamwe hagamijwe gushakira hamwe ibisubizo no gufatanya guteza imbere Akarere bavukamo ndetse bakaba bahise batangiza ikigega kigamije iterambere ry'Akarere (Rulindo Development Fund).

## RULINDO: HIZIHIJWE UMUNSI MPUZAMAHANGA W'UMUGORE WO MU CYARO HAREMERWA ABATISHOBOYE



*MUTANGANDA Theophile UMUYOBOZI W'AKARERE WUNGIRIJE USHINZWE IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE N'ABANDI BAYOBOZI BASHYIKIRIZA MATELA ABAGORE BATISHOBOYE*

Tariki ya 15 buri mwaka hizihizwa mpuzamahanga w'umugore wo mu cyaro uyu munsi ku rwego rw'Akarere wizjihirijwe mu murenge wa Ntarabana mu kagari ka Kiyanza ku Nsanganyamatsiko igira iti " Umugore ni uw'agaciro "
Muri ibi birori byo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'Umugore wo mu cyaro byaranzwe no kuremera Abatishoboye hatangwa Matelas,imbabura ndetse n'Amatugo magufi.

Umuyobozi w'Akarere wungitije ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage MUTAGANDA Theophile yavuze ko Kwizihiza uyu munsi bigamije kuzirikana uruhare rw'umugore wo mu cyaro mu iterambere ry'umuryango n'iry'Igihugu muri rusange. kandi ko ari umwanya wo kurebera hamwe inzitizi umugore wo mu cyaro agihura nazo zimubuza kubyaza umusaruro amahirwe ahari no kurebera hamwe icyakorwa kugira ngo ajyane n'icyerekezo cy'Igihugu, arusheho gutera imbere.

Umuyobozi w'Akarere wungirije Yakomeje asaba abaturage gukora Ibikorwa bitandukanye by'iterambere, Kugira Isuku
Kubungabunga amahoro n'umutekano, Kwirinda ubusinzi no Kuboneza urubyaro.

Ubushakashatsi butandukanye bugaragaza ko n'ubwo hari intambwe yatewe, inzira ikiri ndende. Umugore wo mucyaro by'umwihariko akaba agihura n'imbogamizi zitandukanye zirimo, ubukene, kutiga, kutamenya amategeko amurengera, ihohotera rishingiye ku gitsina, kutigirira icyizere n'ibindi.

Ubushakashatsi bugaragaza ko 66,6 % by' abagore bakora imirimo y'ubuhinzi. Muri bo 57,6% bakora ubuhinzi butagamije isoko (NISR, Labour Force Survey, 2024). Ibi biterwa ahanini n'ubumenyi buke ku buhinzi bw'umwuga buhangana n'ingaruka z'ihindagurika ry'ikirere bukanatanga gutanga umusaruro utubutse.

## UMUYOBOZI W'AKARERE MADAMU MUKANYIRIGIRA JUDITH YAKIRIYE ABASENATERI BAGIZE KOMISIYO Y'UBUBANYI N'AMAHANGA UBUTWERERANE N'UMUTEKANO.



*UMUYOBOZI W'AKARERE N'UMUYOBOZI WA POLISI MU KARERE HAMWE N'ABASENATERI BAGIZE KOMISIYO Y'UBUBANYI N'AMAHANGA UBUTWERERANE N'UMUTEKANO.*

Tariki ya 15 Ukwakira 2025 umuyobozi w'Akarere Madamu MUKANYIRIGIRA Judith ari kumwe n'abagize inzego z'umutekano yakiriye itsinda ry'Abasenateri bagize komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga Ubutwererane n'umutekano bari kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo kurwanya no gukumira impanuka zo mu muhanda.

Iri tsinda ryari riyobowe na Hon Senateri Hadija Ndagiza MURANGWA ryagaragarijwe uko umutekano wo mu muhanda wari wifashe mu karere ka Rulindo mu mezi atatu ashize ndetse baganira n'abahagarariye ibyiciro bitandukanye bafite aho bahurira n'ibinyabiziga barebera hamwe impamvu zikunze guteza impanuka zo mu muhanda.



*ABASENATERI N'UMUYOBOZI W'AKARERE HAMWE NA POLISI PASUYE UMUHANDA BASE-GICUMBI BAREBA IMPAMVU ZITERA IMPANUKA MURI UYU MUHANDA*

Nyuma y'Ibiganiro Abasenateri hamwe n'umuyobozi w'Akarere ndetse na Polisi basuye ishuri ryigisha gutwara ibinyabiziga ryo kwa SINA Gerard ndetse basura umuhanda Base- Gicumbi mu ikorosi rihererereye Sakara mu murenge wa Cyungo barebera hamwe icyakorwa mu gukumira impanuka zikunze kuhabera.

## RULINDO: 220 BAKORA MU NGO MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO BAHUGUWE KU KUNOZA SERIVISI BATANGA.



*ABAREZI BO MU NGO MBONEZAMIKURIRE BITABIRIYE AMAHUGURWA.*

Abarezi mu ngo mbonezamikurire y'abana bato (ECDs) zo mu Mirenge ya Bushoki, Shyorongi na Rusiga , bahurijwe mu mahugurwa y'iminsi Ibiri agamije kubongerera ubumenyi kuri serivisi zikomatanyije zikwiye guhabwa abana bakira Aya mahugurwa afite insanganyamatsiko igira iti: "Dufatanyirize hamwe gukangura ubwonko bw'umwana byo shingiro ryo kubaho neza!".

Ni amahugurwa yateguwe na Ineza Foundation ku bufatanye n'Akarere ka Rulindo aterwa inkunga Book Aid International hamagijwe kongerera ubumenyi abarezi b'abana.

Yitabiriwe n'abakora mu Ngo Mbonezamikurire zitandukanye, zirimo izikorera mu bigo by'amashuri, izikorera mu ngo z'abaturage, n'izegereye abaturage zizwi nka Community based ECD.

Umukozi ushinzwe gukurikirana gahunda mbonezamikurire y'abana bato, mu Karere ka Rulindo, Ndayambaje Jean Damascene yavuze ko aya mahugurwa azafasha kuziba ibyuho bikigaragara mu mikorere y'ingo mbonezamikurire ndetse akazarangira bahuguwe ku mikoreshereze y'imfashanyigisho zisanzwe n'izo bazahabwa na Ineza Foundation.
Ati: "Aya mahugurwa icyo tuyitezeho ni ukuziba ibyuho byagaragajwe muri izo ngo mbonezamikurire no kongerera ubumenyi bariya barezi bazikoramo kuburyo bagomba gutanga serivisi mbonezamikurire y'abana bato, bifashishije iriya mfashanyigisho 'Umwana wanjye ishema ryanjye' n'izindi tuzahabwa na Ineza Foundation."

Ndayambaje yavuze ko icyo basaba abazikoramo ari ugutanga serivisi zose ziteganywa muri ECD ntanimwe yirengagijwe.Ati: "Icyo tubasaba ni ugutanga serivisi mbonezamikurire zikomatanyije nta n'imwe bakuyemo, ninayo mpamvu wabonye twahuje ibyiciro by'ingo mbonezamkiruire zitandukanye.

Ni ukugira ngo duhuze iyo mikorere, akenshi ziriya zikorera mu bigo by'amashuri zifata nk'aho iyo serivisi itabareba turashaka kugira ngo izo serivisi zose zubahirizwe mu byiciro butandukanye."

## RULINDO: ABAYOBOZI MU NZEGO ZITANDUKANYE BAHUGUWE KURI SERIVISE ZITANGWA NA RFI.



*ABAKOZI BA RFI N'ABAYOBOZI MU NZEGO ZITANDUKANYE MU KARERE KA RULINDO BARI BITABIRIYE AMAHUGURWA*

Tariki ya 23 /10/2025  Ikigo cy'u Rwanda cy'Ibimenyetso bya gihanga (RFI) cyasobanuriye abayobozi mu nzego zitandukanye bo mu karere ka Rulindo serivise zitangirwa muri iki kigo.

Ni mu bukangurambaga bwiswe SOBANUKIRWA RFI bwatangiye tariki ya 20 /10/2025 mu ntara y'Amajyaruguru bugamijwe gusobanurira abaturage serivise zitangwa n'iki kigo ndetse n'igiciro cy'izo serivisi.

Umuyobozi muri RFI, Dr Kabera Justin, yasobanuye ko ubu bukangurambaga buzafasha abaturage kumenya uko bakwitwara mu gihe bageze ahantu habereye icyaha kuko iyo bagiye gupima bahera ku bikumwe cyane cyane nk'ahantu hapfiriye umuntu bityo abantu baba bakwiye kwigengesera.

Akomeza avuga abantu bakwiye kwitwararika ahantu nk'aho ahubwo bagahamagara inzego z'ibishinzwe kuko zo ziba zarahawe amahugurwa ahagije ku bikorwa by'ubutabazi.

Muri ubu bukangurambaga abayobozi batandukanye basobanuriwe byinshi kuri serivisi za RFI, ibimenyetso batanga, uko bifatwa, ndetse n'uburyo bwo kubibungabunga.

Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo Madamu MUKANYIRIGIRA Judith yashimiye ikigo cy'u Rwanda cya RFI cyatangije ubu bukangurambaga bwo gusobanura serivisi zitangwa n'iki kigo asaba ko ubumenyi abayobozi bahawe bazabusangiza n'abo bahagarariye kugira ngo babashe gukoresha izi serivisi kandi neza.

RFI itangaza ko izafungura ishami ryayo mu ntara y'Amajyaruguru mu karere ka Musanze mu rwego rwo korohereza abakenera serivisi zabo.

.

## UMUYOBOZI W'AKARERE YASABYE ABAGIZE IHURIRO RY'UBUMWE N'UBUDAHERANWA GUFATANYA KURWANYA KURANDURA INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE.



*MUKANYIRIGIRA Judith UMUYOBOZI W'AKARERE*

Ibi byagarutsweho mu nama y'abagize ihuriro ry'ubumwe n'ubudaheranwa ku rwego rw' Akarere yabaye kuri uyu wa gatanu tariki ya 24/10/2025.
Atangiza iyi nama umuyobozi w'Akarere Akaba n'umuyobozi mukuru w'Ihuriro ry'Ubumwe n'Ubudaheranwa mu Karere ka Rulindo Madamu MUKANYIRIGIRA Judith yavuze ko iyi nama iteranye nyuma y'izindi nama z'amahuriro y'ubumwe n'ubudaheranwa ku rwego rw'imirenge zateranye mu bihe bitandukanye kuva ku wa 8 kugera ku wa 22 Ukwakira 2025.

Muri iyi nama abayitabiriye basuzumye basuzumye inzitizi zikigaragara zibangamiye ubumwe bw'Abanyarwanda zirimo kuba hari bamwe mu baturage bafunguwe barangije igihano bakatiwe kubera kugira uruhare muri jenoside yakorewe Abatutsi bagifite ipfunwe ryo kwibona mu bandi ndetse n'abafunguwe bari barakatiwe kubera icyaha cya jenoside yakorewe Abatutsi bataragira ubushake bwo gusaba imbabazi abo bahemukiye.



*ABAGIZE IHURIRO RY'UBUMWE N'UBUDAHERANWA MU KARERE KA RULINDO N'ABANDI BATUMIRWA BARI BITABIRIYE IHURIRO RY'UBUMWE N'UBUDAHERANWA.*

Baganizi wagize uruhare muri jenoside yakorewe Abatutsi avuga ko nyuma yo kwirega akemera icyaha no kuba yarahaniwe ibyo yakoze ashima Leta y'Ubumwe yabigisheje bakabasha kwirega no gusaba imbabazi abo bahemukiye ubu akaba yarabohotse kandi abanye neza n'abo yahemukiye.Muri iyi nama hanagarutswe ku babyeyi batabwiza ukuri abana babo ku muteka y'igihugu ari naho umuyobozi w'Akarere yahereye asaba abitabiriye iyi nama gufatanya bagashyira imbaraga mu kurandura ingengabitekerezo ya jenoside bahereye mu rubyiruko.
Umuyobozi w'Akarere kandi yakomeje asaba abanyamadini byumwihariko kugira uruhare runini mu kwigisha abakuze n'urubyiruko gahunda y'isanamitima ndetse n'ubumwe n'Ubudaheranwa.

## RULINDO:INGO IBIHUMBI 27 ZO MU MIRENGE 6 ZAGEJEJWEHO AMAZI MEZA .



*UMUYOBOZI W'AKARERE HAMWE N'ABATERANKUNGA BA KFW GERMANY BASURA AMAVOMO Y'AMAZI YUBATSWE MU MURENGE WA CYINZUZI*

Ingo zisaga ibihumbi 27 zo mu mirenge 6 y'akarere ka Rulindo kuri ubu ziri kugerwaho n'amazi meza, nyuma yo gusana Umuyoboro w'amazi wa Kararama-Marenge wari ushaje ndetse warangiritse,aba baturage bakaba bari bamaze igihe badafite aho bakura amazi meza.
Uyu muyoboro ureshya n'ibilometero 76, ukaba unyura mu mirenge ya Mbogo, Cyinzuzi, Burega, Ngoma, Ntarabana na Masoro .Ubu urageza amazi meza ku ngo 27,100.
Ibyishimo by'aba baturage babihuza n'igihe bari bamaze badafite amazi meza ubwo uyu muyoboro wari warangiritse



*ABAYOZI N'ABATURAGE BO MU MURENGE WA CYINZUZI*

Gusana umuyoboro Kararama-Marenge byatwaye amafaranga y'u Rwanda 322 069 613, akarere gafatanyije na banki y'iterambere y'u Budage KFW GERMANY binyuze muri Ambadade y'u Budage mu Rwanda.

Umuyobozi w'Akarere Madamu MUKANYIRIGIRA Judith yibukije abaturage bo mur'iyi mirenge ko igihugu gifite icyerekezo 2050 aho buri muturage azaba afite ubukungu n'imibereho myiza. Avuga ko kubegereza amazi meza ari intego y'igihugu yo guteza imbere imibereho myiza y'abaturage bityo ko nabo bakwiye kugira uruhare mu iterambere ry'igihugu bafata neza ibikorwaremezo bagezwaho.

Kugeza ubu,abaturage 85% ba Rulindo mu mirenge uko ari 17 bagerwaho n'amazi meza hakaba hari gahunda yo gukomeza gusana no kubaka indi miyoboro mishya y'amazi kugira ngo n'abo 15% basigaye bayahabwe, kuri ubu hakaba hari kubakwa Umuyoboro wa Rwanyana-Kiruli-Gitare w'ibilometero 24 ugeze kuri 71% ukazatanga amazi meza mu Mirenge ya Tumba, Base na Rukozo.

.

## ABACURUZI BARASABWA KWITA KU ISUKU Y'AHO BACURURIZA N'AHO BATUYE.



*UMUYOBOZI W'AKARERE MUKANYIRIGIRA JUDITH (hagati) HAMWE N'INZEGO Z'UMUTEKANO*

Mu nama yahuje abakora ubucuruzi butandukanye mu karere ka Rulindo n'abagize inama y'Umutekano itaguye y'Akarere abacuruzi basabwe kwita ku mabwiriza agenga ubucuruzi ndetse n'isuku.

Muri iyi nama ubuyobozi bw'Akarere bwagaragarije abacuruzi batanga serivisi z'amacumbi ibyagaragaye mu bugenzuzi bwakozwe na komite y'Akarere ishinzwe ubugenzuzi aho ahenshi bwagaragaje ko abenshi mu bacuruza amacumbi usanga badafite icyemezo gitangwa n'ikigo cy'igihugu gishinzwe iterambera RDB,igitabo cyabugenewe cyo kwandikamo abo bacumbikiye ndetse no kutubahiriza amabwiriza y'Isuku.



*ABAYOZI BATANDUKANYE BAGANIRA N'ABACURUZI BO MU KARERE KA RULINDO*

Uretse abatanga serivise zo gucuruza amacumbi umuyobozi w'Akarere ari kumwe n'abagize inama y'umutekano itaguye baganiriye n'abacuruzi bakorera muri centre zitandukanye zo mu murenge wa Bushoki hagamijwe kubasobanurira amategeko agenga imikoreshereze y'ubutaka mu mbago z'umuhanda hamwe n'amategeko agenga imikireshereze y'ibishanga no kurengera ibidukikije ndetse n'isuku y'aho batuye, abayobozi bagaragaje ibikenewe kugirango isuku yifuzwa igerweho

.

## RULINDO: ABAGORE 16,751 BIGISHIJWE GUKORESHA IKORANABUHANGA MURI SERIVISI Z'IMARI BIFASHISHIJE TELEPHONE.



*SORAYA HAKUZIYAREMYE GUVERINERI WA BANKI NKURU Y'IGIHUGU*

Mu gihe cy'Umwaka Banki Nkuru y'u Rwanda, BNR, yahuguye abagore 16,751 bo mu karere ka Rulindo muri gahunda yiswe **Gendana Konti y**akozwe bukangurambaga bwiswe **Gender inclusive Financial policy initiative in Rulindo district.** Bugamije kwigisha abaturage bo mu cyaro gukoresha ikoranabuhanga muri serivisi z'Imari.

Mu gusoza ubu bukangurambaga Guverineri wa Banki Nkuru y'u Rwanda, Soraya Hakuziyaremye, yasobanuye ko iyi gahunda yafashije abagore kwishyurana hakoreshejwe telefone ngendanwa, Umuyobozi w'Akarere wungirije Ushinzwe iterambere ry'Ubukungu RUGERINYANGE Theoneste yavuze ko binyuze muri Gahunda ya Byikorere Akarere kazakomeza gufasha abaturage kwitabira gukoresha ikoranabuhanga muri serivise zose harimo na serivisi z'Imari.



*RUGERINYANGE THEONESTE UMUYOBOZI W'AKARERE WUNGIRIJE USHINZWE ITERAMBERE RY'UBUKUNGU.*

Umunyamabanga Uhoraho muri minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango Madamu BATAMURIZA Mireille avuga ko hakwiye ubufatanye hagati y' abagabo n'abagore kuko iterambere ry'Umugore ariryo terambere ry'umuryango muri rusange.



*BATAMURIZA MIREILLE UMUNYAMABANGA UHORAHO MURI MINISITERI Y'UBURINGANIRE N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO*

Guverineri SorayaHAKUZIYAREMYE yashimye intambwe yatewe n'ubwitabire ba mutimawurugo bo mu karere ka Rulindo bagaragaje mu gukoresha serivisi y'imari hifashishijwe ikoranabuhanga, Agira ati "Dutangiza iki gikorwa umuhigo wari ukwinjiza abagore 7,500. Muri aka karere abigishijwe bageze ku 16,751, abinjijwe bushya muri MoMo n'abakanguriwe konti zasinziriye ni 4,416 ni ikintu cyiza kandi cyo kwishimira".

Mu gusoza iyi gahunda kandi Banki nkuru y'Igihugu yahembwe abagore bahize abandi mu kwigisha bagenzi babo gukoresha ikoranabuhanga muri serivisi z'Imari.



Gusoza iyi gahunda byitabiriwe na ari kumwe n'Umunyamabanga uhoraho muri minisiteri y'Uburinganire n'iterambere ry'Umuryango MIGEPROF BATAMURIZA Mireille ndetse n'Uhagarariye UN WOMEN mu Rwanda Jennet Kem n'abandi bayobozi batandukanye mu nzego za Leta.

iyi gahunda ikaba yarakozwe ku bufatanye n'inzego zitandukanye zirimo Minisiteri y'ikoranabuhanga,MINICT, BNR ,MINALOC na MIGEPROF

.